# MAHIRANE KIZITO

INKURU NGUFI YAHIMBWE NA : John M.UWAMUNGU.

[Kubera Amarushanwa y'Ibyerekeye Umwaka w'Urubyiruko]

John M.UWAMUNGU
C/O RWANDAPETROLGAZ
B.P. 90, TEL. 2395
KIGALI

## IBIKUBIYEMO

MAHIRANE Kizito ni umusore wali waradindijwe n'ubujiji bwo kutamenya gusoma no kwandika, waje guhulira n'ingorane i Kigali ahanini aliko ziturutse kuli ubwo bujiji bwe bwo kudashobora kwisomera ibyapa n'amatangazo.
Izo ngorane zikabije zarakomeje alinda agera mu munyururu amaramo umwaka. Aho ahaviliye aliko yagiye iwabo atakili ya njiji ya kera, ahubwo ali injijuke abandi bagana. Yafashije urubyiruko rundi gutera imbere iwabo hose nawe biza kumukiza abivanamo ubukungu n'umugeni. Byose byali bitewe n'ishyaka yigiliye lyo kutazongera kwitwa igicucu na limwe nk'uko byali byamugendekeye ubwo yagiliraga izo ngorane ze i Kigali.

John - Kigali, le 30/04/1985.

KIGALI NYARUGENGE

Imodoka y'umweru ikora akazi ko gutwara abagenzi yageze ku masangano ahuza imihanda yinjira mu mujyi wa Kigali irahagarara. Aho hantu, hafi y'umugezi wa Nyabugogo, niho abagenzi bagera bakabona neza badashidikanya ko rwose binjiye Nyarugenge, aliyo Komine ilimo umurwa mukuru w'igihugu.

Umusore Mahirane wali wicaye muli iyo modoka icyo gihe nawe ni ko yabibonye : u "Muhima wa Kigali" utatswe n'amazu meza, isoko rya kijyambere, abantu benshi n'amapikipiki atabalika, amamodoka yali ahagaze hafi aho agotomezwa lisansi, n'andi yanyuranaga ubutitsa ...

Ibyo byose byamweretse ko amajyambere avugwa yali aliho koko. Dore nk'ubwo itagisi yali yicayemo yali ihagalitswe n'amatara yahise yaka, nako ahindura ibara bakihagera kuko mbere yali yayabonye ali umuhondo andi ali icyatsi kibisi, ubwo kandi hirya no hino mu yindi mihanda akabona izindi modoka ziracyanyaruka nk'uko bisanzwe.

Mu kanya katarambiranye ayo matara wagira ngo yali afite ubwenge nka ubw'umuntu yagize atya ahindura ilindi bara maze ubwo imodoka yabo iba ibonye uburenganzira bwo gukomeza urugendo, ahubwo izali zarekuwe mbere ziba alizo noneho zihagalikwa. Ubwo aliko zaliho zihinda zivumera kwakundi amasibo y'inka zishotse arekurwa andi akumirwa asibanira gutanguranwa ku kibumbiro !

Mahirane n'abandi bagenzi bali kumwe imodoka yabo yabinjije mu kigo gitegerwamo amamodoka mu mujyi i Kigali isaha zuzuye icumi n'iminota itanu. Ubwo we akaba yali amaze amasaha atatu mu nzira kuva aho yali yaviliye iwabo i Byumba. Kigali nawe yali yarayigezemo, aliko limwe gusa, we na se baje gusura mukuru we wahakoraga, icyo gihe wali urwaliye mu bitaro. Icyumweru yahamaze nti cyatumye umujyi awumenya wose, cyakora ubu akarere n'amayira y'aho mukuru we uwo yali acumbitse yumvaga akibyibuka neza.

Imodoka imaze guhagarara neza Mahirane yayisohotsemo yinanuraho gake kubera guhinamirana by'urugendo. Yakomanze ku mufuka w'inyuma w'ipantaro yali yambaye yiyemeza neza ko agafuka k'agahu kali kalimo amafaranga yali afite kakilimo. Ubwo yahise asohoka muli icyo kigo abenshi bita "Gare" urusaku rw'abahamagara abagenzi n'amahoni y'amamodoka yabo rwenda kumusobanya ubwonko kubera kutarumenyera.

Yarakomeje aragenda, aliko akagerageza kwilinda kwegera umuhanda cyane kuko yumvaga atacyibuka ibyo mu mujyi. Yamanutse umuhanda wose ugana i ikondo na Kicukiro ageze ahitwa mu "Kiyovu cy'abakene" anyura mu gahanda 'itaka yali azi ko kali bu mugeze neza ku muryango w'inzu ya Karuhije, ukuru we.

Aho mu Kiyovu Nyamara ibyo yahabonye byaramuyobeye. Iyo nzu ya mukuru e ubu wali ufungiwe mu munyururu i Kigali akaba ali nawe yali aje ahuruliye zanye amafaranga yo kumugobotozayo, nti yali ihali ! Ahubwo yahabonye inzu ziza ya kijyambere. Ese maye aho hantu hali ho, cyangwa se kwali ukwibeshya we ? Yakebutse umusore wali uhagaze imbere y'irembo ry'urugo rw'iyo nzu ramusanga aramubaza ati :

"Wiliwe ?"

Undi sinzi uko yamusubije at mwitayeho, aliko Mahirane we arakomeza ati

"Ntimwandangira kwa Karuhije wali utuye aha ... nako wali ucumbitse hafi aha ? Uwo yali abajije yarasetse maze aravuga :

"Aliko injiji zibaho koko ! Ubwo urabona ko niba uzi uwo muntu ali nako abandi bose bagomba kumumenya ? Uyobewe se ko abantu bimuka buli kanya ? Iyi ni Kigali sha : umuntu alimenya ku giti cye. Urumva ?" Iyo yabivuganye umurego uvanze n'umwirato, kandi ubwo aho hali hageze abakobwa babili bali baturutse muli urwo rugo bumvise ayo magambo.

Mhirane wali uzi ko iwabo ali we wabarwaga nk'injijuke kubera ko yali afite imashini idoda imyenda ndetse n'igare kandi akaba yarakoreraga uwo mwuga we wo kudoda mu mujyi rwagati, kandi akaba yali afite n'uburanga, yarakajwe cyane no kubona "iyo mbwa" imumwaza imbere y'abakobwa. Yalihanganye aliko maze aho arahava agenda yubitse umutwe, wo yubuye yibutse yuko icyali cyamuzinduye yali atarakirangiza.

Yakomeje ako gahanda yali alimo aliko b inshi birushaho kumubera urujijo. Aho yibukaga igiti cy'umuvumu ubu hali hahagaze icy'amashanyarazi! Ahali agatsiko k'imbingo ubu hali ubusitani. Yakomeje atyo alinda arangiza uwo muhanda. Nyuma yigiliye inama yo kumanukira mu kandi gahanda kali hepfo y'uwo, dore ko uduhanda twaho tugenda dukuranwa uko umusozi ushoka tukalinda tuwugera mu kabande umuntu amaze kubara nka dutanu twose.

Mahirane yinjiye muli uwo muhanda wa kabili aza agana mu karere yali yaturutsemo mbere, ali nako agenda ayoboza. Byose aliko byabaye iby'ubusa kuko na none abenshi bamusekaga nk'uwa mbere. Nawe kandi ntiyahatindaga kubera gutinya kwamburwa amafaranga y'abandi yali yikoreye. Yose hamwe yali ibihumbi bilindwe na magana abili, muli yo bitandatu akaba ali byo byali bikenewe kugira ngo mukuru we afungurwe.

Mukuru we nyamara yali yaraye afunguwe kuko nyuma y'ubugenzuzi buhagije abategetsi be ku kazi bali basanze yarahohotewe, ahubwo wali umwungilije ku kazi ko gucunga imali aba aliwe ufungwa kuko ibyo babaregaga banyereje aliwe wajo kubifatanwa. Mahirane iyo amenya ibyo aba yalihamiye mu rugo !

Iyo mu ma saa kumi n'imwe Mahirane yali amaze kugaruka mu muhanda wa kabulimbo, amaze guheba hanyuma yo kunyura aho yatangiliye incuro eshatu zose. Inzara n'umunaniro byose byali bimumereye nabi. Hafi aho yahabonye resitora ayinjiramo agura ibiryo by'amafaranga mirongo itatu, arangije kurya no kurenzaho agacupa k'urwagwa abona kwigira inama yo gusubira aho imodoka yali yamugejeje ngo yicare aruhuke kuko yali yahabonye udutebe twaba ali utw'ubuntu. Mbega urugendo !!

Aho bategera amatagisi yarashyize arahagera. Yabaye nk'uwituye hasi ku gatebe k'urubaho yali abonye katicaweho n'undi muntu. Amamodoka yali ahali ubu yali mbarwa, abagenzi nabo ali bacye cyane.

Hafi aho hali abasore babili baje bicara ku kandi kabaho kali iruhande rw'ake maze batangira kwitotomba yuko tagisi yabo yabuze, aliko ko ibyo alibyo byose bali bujye kurara mu ihoteli basanzwe barara mo iyo baje i Kigali bakazaba bagaruka aho ngaho bucyeye mu gitondo.

Umwe muli bo yakebutse Mahirane aramuvugisha ati :

"Ese aho nawe ntibyakugendekeye nka twe ?"

"Yewe, nanjye ni uko uretse ko jye nahitamo kwiralira hano niba byemewe"

Uko niko Mahirane yasubije atazi ko avugana atyo n'abatekamutwe b'i Kigali bali bamukulikiye atabizi kuva aho asohokeye muli resitora. Amafaranga yali afite bali bamaze kuyatera imboni igihe yakuragayo ka gafuka k'uruhu kali kayabitse akarobanuramo inoti y'ijana akishyura ibiryo yali amaze kurya.

Uwo musore bali bavuganye yarakomeje ati :

"Hano se ? Ashwi da ! Ntawe uharara. Dore ubu saa kumi n'ebyili zirajya kugera nta muntu n'umwe ukiharangwa. Ese uzi gusoma ?"

"Ni ukubera iki se ubimbajije ?"

"Nagira ngo nkwereke ikikumara amatsiko. Cyakora niba uzi gusoma ubwo nawe washoboye kubyibonera aho byanditse. Ahaaa ! Reka ndetse twebwe twigendere hakili kare". Yafashe mugenzi we akaboko barahaguruka.

"Mwambwiye se ibyo ali byo!" Ibyo Mahirane yabivuze nawe ahaguruka."
"Ko wanze se kumbwira niba uzi gusoma no kwandika ngo nkwereke wisomere tangazo lili haliya".

Mahire yumvise ishema rye ligiye kuhagabanukira, aliko apfa kubemerera ko atazi gusoma. Abo basore bajyanye nawe hafi y'irembo ryinjilirwamo, ahantu hali amatangazo yandikwa n'ikigo gishinzwe gutwara abantu (ONATRACOM), ahanini aba yerekeye ku ngendo n'ibiciro byazo. Umwe yarobanuyemo iryo hagati aba ali ryo amusomera ati :

"Itangazo ku bantu binjira muli Gare : Umuntu wese uzasangwa muli iki kigo nyuma yasaa kumi n'ebyili atali umukozi waho mbere na mbere azasabwa kwerekana ibyangombwa bye byose. Namara kubigaragaza azasabwa kwerekana aho yali aturutse mu ma segiteri ya Kigali cyangwa se uwo aje gusura aho aba niba uwo mugenzi azaba aturutse mu yindi perefegitura. Iyo ibyo byose cyangwa kimwe muli byo bibuze ahita ajyanwa bakamucumbikira mu kasho ko kuli komini kugeza mu gitondo..."

.../...

"Ubundi aliko baba bamukeka amababa bakaba bamugumanye !" Mugenzi we niwe wongeye ho ayo magambo aseka.

Mahirane yaliruhukije maze aravuga :
Yewe, ni byo koko ! Aliko se ubwo umuntu yabigenza ate ?"
"Twebwe ubu tugiye kwiralira muli Hoteli Panafurika. Ese wowe nta muntu uzi ino aha ... wali uturutse muli Komini ?"

"Uwo nali nzi nasanze yalimutse. Aliko hali undi duturanye iwacu ngo uba ahitwa mu Buryogo."

"Ubwo ni mu Biryogo."
"Yee. Yitwa Gatwaranyi."
"Ntacyo noneho niba ali incuti yanyu. Ubwo uzi izina rye reka nkugire inama burya abagenzi barafashanya, nti baba bazi aho bazongera guhulira." Mahirane yateze amatwi, aliko ubundi akumva afite akoba k'abo basore.

Bambwiye ko agomba gutanga amafaranga 200 kuli radiyo bakamuhamagalira abo yali yaje agana, nuko aremera ayakura muli ka gakotomoni ke, bituma bongera kurabukwa ibikalimo n'ubwo yagerageje kubikora yerekeye hirya bwose. Ibyo birangiye bajyanye kuli Radiyo Rwanda umwe muli bo aba aliwe ujya hafi yayo abandi basigara kure ho gake. Ibyo byali bitewe n'uko ngo uwali usigaranye na Mahirane atarafite ibyangombwa bihagije, kandi aho ku irembo rya radiyo haba hahagaze abajandarume. Mahirane rero yahisemo gusigarana nawe ahiherereye kuko nawe yali azi ko nta barate ry'umusoro w'uwo mwaka yali yakaguze.

Hashize akanya wawundi wagiye gutanga itangazo aragaruka, aza afite agapapuro ka fagitiri isanzwe yo mu iduka yali akuye mu mufuka we maze agahereza MAHIRANE ngo ni ako bamuhaye kemeza ko itangazo lili buhitishwe mu kanya. Nta ndwara iruta iy'ubujiji ! Mahirane yarebye ako gapapuro aremera, atazi yuko ibyali bikanditseho yali amasogisi uwo musore yali yaguze mu iduka uwo munsi.

Ubwo bujiji si we wali warabwiteye. Ahubwo ababyeyi be, ubwabo batali bazi gusoma no kwandika, nibo bali baramuhemukiye ntibamushyira mu ishuli hakili kare nubwo bwose batali abakene bikabije. Mukuru we uwo wakoraga i Kigali we yali yalize abona akazi keza murumuna we akili muto, aliko nawe habe ngo amwibuke amushyilishe mu ishuli. Icyarahani yakoreshaga ni we ubwe wali waracyihahiye agikuye mu buhilimbanyi bwe yigiliraga bwo gushaka icyamubeshaho.

Kutamenya gusoma no kwandika byali byaramuvunnye mu mutima ndetse bituma urukundo yali afitiye ababyeyi be rwenda kugabanuka? Ubwo aliko yali atarakora ngo agire ifaranga ryo kugura akagwa.

.../...

Inzoga za buli mugoroba atahutse ntizigeze na limwe zimukundira ko yagira injijuke agana ngo imwigishe ibyo bintu yali yarahombye mu buzima bwe, n'ubwo atasibaga kwiyemeza yuko "ejo ku mugoroba" atazanywa inzoga atabanje kureba uwajya amwigisha gusoma no kwandika. Yapfaga gukoza umuheha mu kanwa ubwo bikaba birangiliye aho, ishuli ry'ibiparu byo mu kabare akaba ali ryo lihabwa umwanya.

Mahirane na ba basore baramanukanye bajya gufata agacupa k'urwagwa mu Kiyovu aho yali yiliwe ayoboza kwa mukuru we. Iyo nama nayo yali ayigiliwe n'abo basore ("Bene Ngango"), ngo kuko hali imbeho nyinshi imvura yenda kugwa. Akagwa rero ngo ni ko kali gashobokanye na bene icyo kibazo! Ikindi kandi ngo byali kumufasha agatega amatwi radiyo yo muli ako kabare, rya tangazo ryasohoka agashobora kuryiyumvira ubwe. Ubwo kandi bali babanje kumwereka hoteli yitwa Panafurika bamubwira yuko ali ho bali burare, ko nawe ashobora kuharara ku mafaranga 800, cyangwa yashaka akarara ku gitanda cy'umwe muli bo, bo bakararana, aliko akabaha amafaranga 400 gusa.

Akalimi kabo kaboherye kalimo akunyu katumye ibyo byose abyemera. Icyihutirwa aliko ngo kwali ugushaka aho bumvira iryo tangazo, noneho we ngo akagaruka vuba kuli iyo hoteli kugira ngo uwo yahamagaje ahamusange, ngo kuko ali ho uwarangishije yali yavuze ko Mahirane ahategerereza uwo muntu. Mu mutima we Mahirane yumvaga afite amatsiko yo kwiyumva bamuvuze izina muli radiyo. Mbega ukuntu abo mu rugo bali kumutangalira ...!

Banyoye inzoga biratinda kandi abo basore ali bo basengera gusa. Hali ubwo Mahirane yumvaga atangajwe n'ubugiraneza yababonanaga. Ntiyali azi ko ayo mafaranga basengeresha yali ya 200 ye yigeze kujya kugura itangazo kuli radiyo, ali na ryo ubu yali ategereje. Nti yanibukaga wa mugani ngo "Urusha nyina w'umwana imbabazi aba ashaka kumurya"!

Iyo mu ma saa mbili na mirongo ine ni bwo bahisemo kwisubilira kuli hoteli hanyuma yo kwiyemeza yuko ubwo abo kuli radiyo baba bibeshye rya tangazo bakalivanga n'ali busomwe mu gitondo. Mu mitima y' bo basore b'ibisambo bo ubwo bumvaga ko umunsi wabo winjiye, ko amasaha atarenga atanu bali bamaranye n'uwo "muva-cyaro" atali agiye kubapfira ubusa. Babonaga neza ko bagiye kuyakoreramo amafaranga nibura agera ku bihumbi bitanu nk'uko bali bayarabutswe mu mufuka we.

Barazamutse banyura iruhande rwa Kiliziya y'Umuryango Mutagatifu. Imvura yali yakomeje gukuba ilimo n'imirabyo myinshi nayo yahise yisuka itangira kubanyagira. Si ibyo gusa aliko. Aho hantu hali umwijima mwinshi kuko mu kanya amatara ya hafi aho yali amaze kuzima, Kacyiru na Kimihurura ali two dusozi twonyine tugifite amatara yaka.

Mahirane yagize ingorane zo kwihuta kuko aho hantu hali na habi atali umuhanda uharuye, ali akayira gusa. Hirya no hino yabo hali ibihuru, nabyo byo yabonaga akanya gacye ali uko umurabyo urabije. Bagenzi be abo ubu yumvaga amaze gukunda cyane kubera ibyiza byinshi bali biliwe bamukorera nabo ni uko yabarabukwaga nk'ibyo bihuru ubundi akababura, aliko agapfa kwibuka ko abaheruka imbere ye.

Sinzi uko yibwiye ko hali ikintu kimuturutse inyuma maze umusatsi umuva ku mutwe. Yifujo ko hagira undi murabyo wamulika aho hantu bira-bura maze ahamagara bagenzi be atali yanamenye amazina, ati:
"Yemwe ye....? "

Ayo yabaye ekimuva mu kanwa maze ibisore bibili atamenye biba byamuguye gitumo. Ntiyanashoboye guhindukira cyangwa se ngo atabaze kuko ako kanya yazibiranyijwe n'ibipfunsi byinshi bivanze n'imigeli itagira ingano kugeza ubwo yumvise amavi ye akomanganye, wese atangiye gusa n'ubuze ubwenge kugeza aho yagereye ku itaka. Muli uko kubura ubwenge bwe aliko yashoboye kubona, bisa nk'inzozi, ikinyita cy'umwenda utukura cyabuliye epfo mu bihuru, bitewe na wa murabyo wali umulitse bitakigize icyo bimumalira.

Yarahagurutse aradandabirana agwa hasi aliko arashinyiliza arongera arahaguruka ashinga amano mu byondo ngo bimufashe guhagarara neza. Ayo mano mu kanya gashize yali yahoze asusurukiwe, yihishe mu nkweto ubu atali acyambaye. Undi murabyo wararabije maze yongera kubona wa mujura wali wambaye ikote litukura asimbagulika arengera epfo mu bisambu.

Mahirane yaratitiye abitewe n'umujinya n'akababaro; ububabare bw'inkoni n'imbeho, utiliwe uvuga imvura ubu yali itangiye kwisuka cyane. Nta kabuza yali azi ko ibyo bisambo byali bimaze kumwambura amafaranga y'abandi. Yakabakabye ku itako ry'iburyo ahali umufuka w'ipantaro ye akubitwa n'inkuba. Si ibyo gusa: n'ipantaro ubwayo ntiyali ihali! Hali ikaliso yonyine nayo yasaga n'idahali kubera imvura yali yayimatilije ku mubili we.

.../...

Ubwo yabaye nk'utoye umutwe maze asimbukira hejuru yiruka ahumagulika, akulikiye ikirali cy'aho yali arabutswe bya bisambo birengera. Amagorwa ye yali akili yose nyamara. Yateye ibitambwe bya gisazi bitigeze birenga bitanu maze ngo agire atya vumwa avuye ku itaka ahanutse ahantu atigeze amenya aho ali ho, nuko yiroha epfo kure mu mukoki muremure wali uhali atali yabonye!

## 2. MU MUKOKI

Gukomeza umutsi k'uwo musore Mahirane muli iryo joro nawe ubwe byamubereye igitangaza. Ibyago byinshi hali ubwo bituma umuntu ahinduka nk'igiti cyangwa inyamaswa! Rwose kubona ko aho hantu yali ahanutse hatahise hamumaramo umwuka ngo ahwere byali bitangaje, kandi kuba nabwo atarahavunikiye byali ibintu bidasanzwe. Gukomereka byo byarabaye ku mavi no ku nkokora uretse ko bitali bikabije cyane.

Uburakali bwinshi ni bwo bwatumye ata umutwe maze ntiyagwa iginumura kubera kwikanga ahanutse. Icyatumye atavunika igufwa ahali byatewe n'ishami ry'igiti cy'igihuru cyali cyarambukiranyije umukoki. N'ubwo naryo ryamanukanye nawe bwose, nibura byatumye agera hasi atagifite imbaraga yali yatangiranye agihanuka.

Mahirane yigumiye aho yali agaramye aho yumwa ali nta gatege ko kuhamubyutsa, haba mu bwenge cyangwa mu mubili. Yali yakangaranye bihagije. Ibyago gusa ni uko yali agaramye mu mazi kandi anuka kubi, hirya no hino haturuka udukeli tukamutarukira. Imvura yali ikigwa yo n ntiyamugoragaho kubera uko kuzimu yali yihambyemo.
Nyuma y'iminota nk'icumi ni bwo yakoze uko ashoboye areguka. Yumvise bishoboka afata imizi yali iranze aho ayihagurukiraho. Yaradandabiranye aliko arashinyiliza iyo mizi arayikomeza n'ubwo nayo yanyereraga kubera urubobi rwali ruyiliho.

Amalira, yayandi y'umugabo asubira mu nda, noneho yaranze atonyanga agwa hasi yivanga n'amazi yo muli uwo mukoki, aho uwo musore yamenyeye ko aho yali ahagaze aho nta shati, nta pantalo, nta n'inkweto bye yali acyambaye, uretse na ya matindi y'amafaranga!
Ye baba data we! Yashatse kuvuza induru aliko asanga ali iby'ubusa kubera imvura n'inkuba nyinshi bitali gutuma ijwi rye ryumvikana. Ese bwo ninde wali gushobora kubyiyahuremo ngo arajya kureba aho iryo jwi likomotse: mu kuzimu? Nta wali gutinyuka. Ikindi kandi hali n'ubwo bali kumwita umusazi bakamwihorera babonye aho yali ali n'ukuntu yali yambaye!

.../...

Kubera yuko noneho imbeho n'ubukonje yali ameze kubimenyera, yongeye kwihata gutambuka. Kwali ukugira ngo ave aho hantu gusa naho ibyo gukulikira abamuwibye byc yali yabyibagiwe. Yarasindagiye gahoro gahoro acumbagira kubera imitsi itali mike yali yikanze akomeza gukulikira uwo mukoki uko wali ushotse agesozi kose. Hali ubwo yanyereraga agakubita akabuno hasi mu byondo cyangwa mu mazi, ubundi kandi akaramirwa n'imizi cyangwa amashami y'ibiti yawureretaga hejuru.

Hanyuma y'iminota irenga makumyabili yaje kugera ahantu hegutse ndetse abona atangiye kureba ibyo hanze. Amatara y'amashanyarazi yali atarongera kwaka uretse ko imuli z'imirabyo ali zo zagiraga zitya zikabonesha muli uwo mwijima w'icurabulindi. Yarazamutse ava muli uwo mukoki maze asesera mu gashyamba k'ibibi by'inturusu zikili nto kali gahali. Imvura nayo yali imaze guhita neza neza.

Mahirane yakandagiye ahantu yumva hali igiti cyahaguye maze aca bugufi acyicaraho. Yahinnye amavi ayegekamo umutwe we, atangira gusa n'urota kubera kumirwa yibaza ukuntu ibye byali bukomeze kumera. Nta wavuga ngo yaba yarahwekeraye kubera iyo mbeho yose yali afite ikubitiyeho n'ubwoba n'inkoni z'ibisambo. Nyamara kubera ibitekerezo byinshi yatwaweho gake ntiyashobora kumva abantu bali bagiye kumucaho. Ijwi ry'umwe muli bo niryo ryamukanguye ndetse ashigukira hejuru.

Amagambo yumvanye abo bantu yali ay'umugambi wo kujya kwiba mu rugo rwali hakurya yabo aliko hafi aho. Abo bantu bigiye hirya ye balicare, batangira guhambura udufuka tw'udupapuro bali bafite, nuko bakora akazi ko guhekenya ibyali bitulimo.

Mu bitekerezo bye Mahirane yahise yiyemeza ko abo bantu byanze bikunze ali bamwe bamwambuye. N'uko atali gutinyuka kubegera, akababaro k'ibye kali kagiye gutuma avuza induru ngo wenda bava aho biruka bagata ibyo bamwibye. Ibyo aliko ako kanya yabibujijwe n'uko umwe muli bo yavuze ati:

" Za mbwa ngo ni Gasongo na Bob ubu ntibatubeshye koko? Ngo maye bali bakulikiye ka gashenzi k'agaturaga kahoze kayoboza aho bene wako baba. Kaliya se kali gafite iki!"

Umwe muli bagenzi be ati:

" Bali bagafitiye umupango aliko! Aho none ntibaba bakabonyeho amafaranga menshi twe ntitubyiteho?"

" Bihorere turaba tubimenyera imuhira ibyacu nibimara gutungana."

.../...

Mahirane ubwo noneho yamenye ko abamwibye atali abo yumvaga hafi ye aho, n'ubwo nyine bagomba kuba bali bahuje agaco nk'uko yali amaze kubyiyumvira. Ntacyo byali kumumalira rero n'iyo avuza induru. Ndetse ntiyali kubava imbere igihanga cye cyikili kizima. Icyo yashoboye kumenya cyakora cyali kimwe; aho si we, nako aho ba basore bali biliranywe si bo baba bamwambuye ko wumva ngo bali bafite umuntu bakulikiranye uturutse mu cyaro? Yashatse kubyihakanya aliko rya kote litukura yigeze kurabukwa lirengana na nyiraryo epfo mu bisambu liba ali ryo lirushaho kubimwemeza. Koko kandi umwe muli abo basore kuva bagihura yali yambaye akajaketi k'umutuku. Koko pe! Yarumiwe.

Muli ako kanya yali akili muli ibyo ni bwo yumvise neza umugambi w'abo bantu bali bicaye hirya ye batamubonye, ali na byo byaje kumubera intandaro ya bimwe mu byagiye bimubaho mu myaka yakulikiye. Yagiye kumva yumva umwe muli bo, ahali wali umuyobozi wabo kubera ko ijwi rye ali ryo ryumvikanaga buli kanya, arateruye ati:

" Mwibuke rero yuko saa tanu zuzuye ali bwo tuli buhuliro hahandi badodera inkweto. Uwo mukobwa namubonye ntabwo yajyanye n'ababyeyi be. Bo ngo bagiye muli Hoteli Umubano; ngo hali igihugu cyijihije isabukuru yacyo noneho ngo ambasaderi wacyo arabatumira. We rero yali yagiye gusura abandi bakobwa b'indaya baturanye nabo..."

" Reka nawe bazamwigisho kuraya!" hali uwavuze atyo muli bo.

" Umva! Ubwo se ibyo ubizanye ute? " Undi yamukangaye atyo maze arakomeza ati: " Naho rero umuboyi wabo twabivuganye ngo asige rumwe mu nzugi z'inyuma rudakinze neza. Umuzamu we ni bura inzagwa twamusengereye zatumye ahilima aho yicaye. Uwo mukobwa iteka ngo ni we utahana amafaranga ya buli munsi yo mu iduka ryabo aherekejwe n'abasore bakorana. Ubu ali hafi gusubira mu rugo cyangwa yagezeyo kare avuye gusura abo bakobwa bandi. Rero kubera yuko ababyeyi be badahali ubwo amafaranga ni we ukiyabitse, kandi bo baragaruka nko mu ma saa saba. Ahasigaye rero ibindi turabikora tuhageze. Birorcshye kandi. Cyakora ako gashinzi k'agakobwa ni kageragoza gusakuza gatabaza jye ndagatema!".

Mahirane aho yali ali yalishishe. N'ubwo nawe iwabo atali intungane, ndetse akaba hali ubwo yajyaga arwanira mu kabare kubera imbaraga z'ubusore zivanze n'isindwe, ibyo kuvusha amaraso menshi yarabitinyaga cyane. Iryo joro yarushijeho kubitinya yumvise amagambo y'ibyo bisambo. Ubwo yongeye kumva cya gisambo kivuga kiti:

"Ngaho rero ngira ngo inzu murayizi mwese, "(bali nka bane Mahirane akulikije amajwi yabo). "aliko reka umurabyo wongere maze nyibereke."

.../...

Ntibyatinze umurabyo wararabije koko maze abatungira agatoki hakurya yabo gake nko muli metero 50 gusa, ku rugo rwubakishije imibeke rwali mo inzu nini ishakajwe n'amabati atukura. Umurabyo wazimye nk'aho ali agatara bahushye maze umwijima urahasubira. Muli wo ni bwo abo bagabo bahagurutse baragenda, bucece nk'uko bali bahageze mbere. Ubwo aliko umwe muli bo yali amaze kubaza ko ali nta mbwa koko yabaga muli urwo rugo, uwo abajije nawe amusubiza amucyaha ngo naceceke, ngo we ibyaho byose yali abizi neza nk'uko umuntu amenya ibyo mu rwe rugo.

Harya ngo inzara ikulisha icyo utazi? Ni byo koko! Mahirane kare wali wananiwe n'ibiryo byo muli resitora byali birunzemo umunyu mwinshi cyane kandi we atarawukundaga inzara nayo ubu yali itamworoheye. Yarekuye umwuka yali amaze akanya yahejeje mu nda kubera ubwoba bw'abo bajura yali abonye bahagurutse. Hashize akanya arasodoka ageze aho bali biceye arakabakaba asanga ibyo bahoze bahekenya li ibigoli bitetse. Yabaye nk'akabwa kageze aho babagiye inka! Inzara yanamwibagije yuko wenda ibyo bisambo cyangwa byene wabyo byahagaruka bikamugilira nabi. Yarahunahunnye, cyakora koko ahasanga udutilitili tukiliho uduheke tw'umurengwe wabo wali watumye batujugunya, uretse ko natwo twali dukomeye tutagihekenyeka.

Ngo ugiye iburyasazi....! Guhera kuli uwo munota Mahirane yasangiliyeho n'ibisambo ibisigazwa byabyo nawe yahise agendera mu nzira zabyo, mbese nka kwakundi impyisi ihora igendera kure y'intare aliko mu kirali cyazo ngo nayo yibonere ku mahaho yazo ziba zitashoboye gupfunyika ngo zijyane! Byamukozeho aliko!

Yabanje gutekereza ibyo yali yumvanye abo bajura ko muli urwo rugo benda gutera hatalimo imbwa maze asanga yuko abaye agiye akinjirayo akavuga umugambi wabo nta kabuza yali kubihemberwa, nibura akabona n'aho arara. Aliko se ye. Koko muli iryo joro bali kumwakira bate n'ako gakaliso yali yambaye? Icyo gihe kandi uwo mukobwa yali yatashye yafunze urugi. Umuzamu se? Rero ngo bali bamupakiye inzagwa. Ibyo alibyo byose ntawali kumwumva n'ukuntu abantu b'ako gace bali batamwitayeho ku manywa yambaye na neza nkanswe ubu muli iryo joro. Ashi da!

Ikindi gitekerezo cyamwinjiyemo ndetse ku buryo ali cyo yakomeje ni iki: Ko wumva byali byoroshye kwinjira muli urwo rugo; ko wumva kandi uwo mukobwa yali wenyine uretse agakecuru ngo kararaga hirya mu kindi cyumba, ni mpamvu ki we, Mahirane, atashoboraga gutanga abo bajura bandi kuli uwo mukobwa noneho akaba aliwe wiyibira... nako wiyandurulira ayo mafaranga, bityo akayagomboza mukuru we bucyeye bwaho, ko ali hahandi uwo mukobwa yali asanzwe ali buyibwe ndetse n'imipanga rugeretse!

Yasanze iyo ali inama nyayo. Ndetse yiyemeje guhita agenda agana urwo rugo rwali rulimo inzu itukura, n'umukobwa wali ibitse amanoti menshi. Icyo gihe zali saa yine na makumyabili z'ijoro.

### 3. UWAMUKWA

Uwamukwa, umukobwa mwiza cyane wigaga mu ishuli Nderabarezi aliko ubu akaba yararuhukiye i Kigali aho ababyeyi be bali batuye yajimije itara ryo mu cyumba cye arongera yulira igitanda aliyorosa. Imbeho nayo yali yose kubera imvura yali imaze akanya iguye. Kubera ko kuli bene uwo munsi wa gatandatu hagati ya saa yine na saa tanu z'ijoro Radiyo Rwanda iba yohereza umuziki unyuranye abakili bato bakunda kumviliza, nawe yali yakomeje kuvuza iye radiyo. Ubu aliko yagoze aho yumva ibitotsi bishaka kumuganza maze arayizimya kugirango itaza gusigara isamira we yasinziliye.

Ukuyeho abana bato bali baryamye mu cyumba cyegereye icy'ababyeyi babo undi muntu wali muli iyo nzu yali umukecuru nyiracenge w'Uwamukwa wali waje kubasura. Mu kanya aliko nawe yali amaze kujya mucye cyumba kuryama. Umusaza wabaraliraga we icyo gihe yaragonaga aho yali yicaye yegamye inyuma y'urugo.

Agifunga radiyo sinzi ukuntu yashushe nk'uwumva igikomye aho mu cyumba cyangwa wenda ku rugi. Yagize ubwoba bwinshi areka guhumeka, hashize akanya ali nta kindi yongeye kumva yishyiramo akanyabugabo ali nako yiruhutsa maze ahaguruka ku gitanda bucece agira ngo agane ku rugi ahali akuma katsa amashanyarazi. Akigera hagati mu cyumba nibwo yumvise ikiganza bikomeye bimucakira kimwe kimupfuka umunwa izindi ntoki zimufashe amaboko yombi. Umuntu wali umuteye yamufashe amaturutse inyuma Ijwi rye ry'induru yali ashatse kuvuza ryapfukiranywe n'icyo kiganza liherayo, maze yumva ilindi liremereye rya kigabo liravuze ngo:
"Guma hamwe udakoma maze nkubwire uwo ndi we n'ikiganza.
Nusakuza kandi ndahita nku-nkwica!".

N'ubwo uwo mukobwa yali amaze gucika intege kubera ubwoba bwinshi, ntiyaguye igihumura nk'uko bikunda kumera ku gitsinagore.
Ni nayo mpamvu nyuma y'ibyo yajyaga yibuka iryo jwi ry'uwo muntu akalitandukanya n'ayabandi bajura babizobereyemo kubera ko na nyiraryo ubwe yavugaga yifitiye ubwoba.

" Ngaho atsa itara aliko umenye ko nuvuga nkwica!".
Uwamukwa yabuze intege zo gukora ibyo yali ategetswe. Yanatinyaga kubona mu maso h'uwo mugome wali umutahiranye ngo bahangane amaso. Uwo muntu yabibonye atyo akorakora ku kibambasi hafi y'urugi ukundi kuboko kucyimupfutse umunwa, maze agwa kuli ka kuma katsa amashanyarazi arayatsa mu cyumba hose haragaragara.

Bombi barahumbaguje kubera urwo rumuli rutyaye batali bamenyereye, nuko Uwamukwa yumva uwo muntu aramutegetse ngo nagende yicare ku gitanda. Yaragiye acyicaraho nta mpaka kubera ubwoba, maze abona imbere ye ibintu byamukanze kurusha ndetse ibyali byamutunguye mbere.

Imbere ye hali hahagaze umuntu ... nako umujura ... nako umusazi wali wuzuye ibyondo hose hose buguruba, yambaye ikaliso gusa, nta nkweto, ugaragarwaho imbaraga nyinshi kubera ko kutamberu ishati byabyerekanaga, uli hagati y'imyaka 22 na 25 y'ubukuru, ibyo uli byo byose aliko muli rusange akaba yali mwiza mu maso, anatoye neza. Yali afite ubwoba n'isoni ku maso!
Nta numwe muli bombi ugize ikindi avuga, yagiye kubona abona uwo musore asimbukiye isakoshi ye yali munsi y'igitanda ahagana ku musago atangira kurwana no kuyifungura, intoki ze zihinda umushyitsi. Yashoboye kuyifungura maze akanura amaso abonye ko amafaranga yifuzaga ayabonye koko. Yakozemo avanamo inoti zali zilimo azipfumbatisha intoki ze z'ibumoso, arangije asuka hasi ibiceli n'utundi tuntu twalimo, tuli mo n'agafoto gatoya k'Uwamukwa.

Uwo mukobwa iyo ashaka aba yaravugije induru, aliko sinzi icyatumye atabikora. Ahali ni uko yali azi ko umuzamu waho yali yisindiye, undi wakamutabaye akaba yali uwo mukecuru utali guhangana n'imbaraga z'uwo musore. N'ubwo ubu byagaragaraga ko uwo muntu atali afite intwaro-nyicanyi yitwaje ibyo ntibyamubeshye kuko yabonaga amaboko ye ubwayo yamukanda akamuhwanya. Ikindi kandi ubu yali yiyemeje yuko uwo musore agomba kuba yali umusazi. Nta ntwaro mbi rero iruta iy'ubusazi ubwabwo!

Uwo musore yasingiliye ikoto ry'imvura yabonye limanitse ku kibambasi maze araryambara vuba vuba, arangije yinjiza ya nafaranga mu mufuka waryo. Yafashe na ka gafoto aramwonyura akoreka nyirako arangije nako agashyira muli uwo mufuka. Uwamukwa yashatse kukamwambura undi amureba igitsure nuko arongera alicara.
Ikindi cyatumye Uwamukwa abona ko uwo muntu yali umusazi n'uko yabonye amwitegereje cyane hanyuma akavuga ati:
" Umbabalire nanjye si jye. Ntabwo kandi nzatinda kukwishyura amafaranga yawe." Uwamukwa yali azi ko amafaranga yakuye muli butike yose yali ibihumbi 57.300 n'utundi duceli turenga.

Uwo musore yafashe akuma gafungura urugi nk'aho yasohotse abanza gusa n'ugizo icyo yibutse, nuko agira atya akuraya mafaranga yose mu mufuka w'ikote avanamo inoti ebyili za bitanu aba ali zo asubizemo, asigaye ayahereza nyirayo agira ati: " Hali abagome bashaka kuza kukwiba. Bashobora no kukugilira nabi kuko nabibumvanye. Hisha ayo mafaranga maze uhagarare ku idilishya nibaza uvuze induru.
Wenda ibyo byakwemeza ukuli kwanjye!". Yarangije kuvuga atyo ahita azimya itara arabura, Uwamukwa nawe asubirana umwijima we yali yahoranye ibyo bitaraba. Byose byali nk'inzozi, kandi byabaye vuba vuba ku buryo nta minota itanu yigeze ishira.

Uwamukwa yali yibwe amafaranga y'abandi. Naba no kuyibwa yose bikagira inzira. Ubwo se koko ninde wali kwemera iyo migani yo itampaye agaciro yuko ngo haje umuntu akamwiba ibihumbi icumi gusa ayandi akayamurekera? Birumvikana yuko bose bali gukeka ko ali we wayiyibiye!.

Nyamara sinzi ikintu cyakomeje gutuma agilira uwo musore "wasazo" impuhwe aho kumugilira umujinya cyangwa urwango.
Yumvaga ababajwe no kubona umusore mwiza nk'uwo amererwa atyo; yuzuye ibyondo wese; inkokora zombi zasenutse; ibyo akora bidafututse, mbega wese wese ali umusazi utereye aho! Ntiyigeze yibuka kumwita umujura na limwe! Ni nayo mpamvu yagiye ku idilisha kugirango arunguruke aho anyuze. Impamvu yabimuteye ntiyayimenye neza aliko nyine apfa kurunguruka ngo arebe, maze akubonera ibintu byamukuye umusatsi ku mutwe!

## 4. IMINSI Y'UMUJURA...

Umunota wose Mahirane yamaze mu nzu yitegereza uwo mukobwa utagira uko asa yali azanywe no kwiba, akahatinda agerageza kumusobanulira ubwere bwe n'ukuntu ngo hali abajura bali bagiye kumutera, ni wo wamukozeho aho egereye hanze. Yaciye mu muryango yali yinjiliyemo kera arasimbuka agwa ku twatsi hanze mu rugo, maze akubanutse ngo yiruke ahubirana na bya bisambo kugeza uko yali atacyibuka ko amasaha yabyo yo kuhagera yali ayo!

Aho kugira ngo yiruke yihungire kandi kuko byashobokaga rwose,, ahubwo we yagannye ibyo bisambo afunze amakofe ngo abirwanye, maze abikora avuga ati: "Mwa mbwa mwe ntawe umukozaho urutoki! Ndabica ali jye! Ndavuza induru...!. Ubwo ni bwo byamusumiraga kimwe gikura inkota kigiye kuyimudududubiza mu nda yibilindura ho gacye icyuma kimuhama ku nyama ili hejuru y'inkokora y'ukuboko kw'iburyo.

.../...

Ako kanya rero ni bwo ubwoba bwatumye wa mukobwa Uwamukwa wareberaga ibyo mu idilisha ataka cyane, maze sinakubwira abazamu n'abajandarume bigenderaga hirya baba barabyumvise barahurura.
Ibisambo byose uko ali bitatu, nako uko ali bine n'ikitwa Mahirane kibilimo byahagurutse ubwo biharamba urugo biwa hirya, aliko bikubitana n'imbaga y'abantu bali bahaseseka ye babiteze.

Nta n'umwe wacitse ku icumu uretse mugenzi wabo wa gatanu wali wasigaye ahantu ngo abarebere. Baliyeho inkoni nkeya hanyuma abajandarume barabagoboka bakinga ukuboko, babakiza abantu bali bagifite inyota yo kubumvisha".

Ibisambo byinjijwe mu rugo byali bisohotsemo maze Uwamukwa asabwa kuza ngo asobanure icyo yali azize.

Mbega ntibyamubereye ikibazo! Yego kwibwa yali yibwe, nyamara si yo mpamvu yali yatumye ataka. Ahubwo ni uko yali abonye aho umuntu aterwa inkota. Nyamara aliko hali indi mpamvu. Aho wenda si ukubera ko uwo musore koko yali ashushe nk'umutabara agashaka kurwana n'ibisambo biteye muli urwo rugo, ndetse akaba yali amuzize? Aliko se yaba umusazi akamenya kwiba no kuvuga amagambo mazima? Rero ngo umusazi aravuga akagwa ku ijambo. N'uwo yali aliguyeho. None se ko yali yamurabuye ko abajura bali buze aho koko bakaba bahaje? Keretse niba yali umwe muli bo wali uzi ibyabo akabibeta ngo yiyibire wenyine, none akaba yali abaguyemo! Yewe, ni byo rwose!

Ibyo ni byo Uwamukwa yiyemeje mu gihe yumvaga ali hafi kuburanira Mahirane. Habuze gato rero. Imbere y'abajandarume we yavuze ko yibwe, kandi ko yibwe amafaranga 10.000 gusa. Yavuze ko hali hijimye akaba atashoboye kumenya neza uwayatwaye uwo ali we. Nawe wumve! Sinzi ikintu cy'ubuhumyi cyatumaga adatunga Mahirane agatoki ndetse wali unacyambaye ikote rye (rya kigore) ry'imvura. Aho si uko yali azi ko n'ubundi bose bali bazanywe no kumwiba yaba uwahageze mbere cyangwa se abanyuma? Wenda ...

Mahirane we ibintu atamenyereye n'ingorane zikabije yali yagize muli iryo joro byatumye yipfuka mu maso aratulika aralira. Ubwo aliko abali aho barasetse ngo: "Dore amayere y'ibandi!". ngo "Kiralira se ngo nyina acyumve aze agitabare?"

Kaporali wali uhagazo aho yategetse ko ibyo bisambo babi-saka kwa Mahirane haba ali ho haboneka ibihumbi icumi byuzuye! Umwe muli bagenzi be niwe wali ufite uduferanga magana atatu gusa. Ibyo Mahirane yabigabaniye urushyi rwo mu maso rwamuhilitse hirya ruturutse kwa musaza w'Uwamukwa wali umaze kuhagora aturutse mu rwe rugo rutali kure y'aho, n'umugeli wo ku itako wali utururutse k'umuzamu w'urwo rugo rwibwe, cyakora nawe wadandabiranye agatembagara.

Abandi bajura babonye ibyo batangira gusakuza bavuga ko bo rwose barengana aliko biba iby'ubusa kuko nabo bali babonywe bulira urugo. Ese ngo ubundi bwo bo bali binjiyeyo gukora iki muli iryo joro? Kunanirwa gusubiliza icyalimwe icyo kibazo batanyuranya nabo byabungukiyeho urushyi n'imigeli nk'ibili buli muntu!

Amaherezo bose bareshorewe bajyanwa kuli Buligade yo ku Muhima gufungirwa mu kasho kaho kugirango ibyabo bizakulikiranwe bucyeye. Muli abo bose abantu babili nibo baraye badasinziliye kubera kwibaza ibyali bibabayeho. Umusore wali wafatanywe amafaranga, n'umukobwa wali wayibwo.

Mahirane wali utigeze amara na ya minsi mike abandi bajura bamara batarafatwa ubu yatekerezaga uko mukuru we agiye kuzahera mu munyururu kubera we, n'ibindi n'ibindi, aliko bitabuzemo n'uwo mukobwa yibye yumvaga akunze cyane, n'ubwo ali we yali azize bwose!

Uwamukwa nawe yibukaga uwo musore n'ijisho rye lityaye aliko bivanze n'ijwi no kumwenyura byiza n'ukuntu yamuvugishaga neza akumva arumiwe. Sinsi ukuntu we ubwenge bwe bwangaga kumwemeza ko yali umujura, ahubwo bwatumaga abona ko yali umusazi gusa.
Ibyo rero byarushagaho kumubabaza kubona umusore utagira uko asa nk'uwo asara akili muto. Kandi ibisazi bye byali bitarakomera cyane. Yagombaga abavandimwe cyangwa abagiraneza bamuvulisha gusa.
Aliko se kuki rwose yagombye gukomereka agirango amutabare? Yumvise amugiliye impuhwe z'ububabare agomba kuba yali afite aho ali mu kasho. Aliko se yali kumumalira iki! Ibyo ni byo yaherukiyeho maze ibitotsi biramutwara.

Mahirane we ntiyigeze agoheka. Ubwo kandi yali afunganywe n'abandi bajura batatu yali azize, nabo bamuhekenyeraga amenyo kubera yuko ali we bali bazize. Bose barebanaga ay'ingwe. Amagorwa y'abagabo! Wenda muli uwo mwijima wo mu kasho amaso yabo yaba yali akanuye koko, yaka nka ay'ingwe ili mu mwijima!

.../...

## 5. IGIHANO

Mahirane yaratsinzwe arafungwa. Yaburanye uko ashoboye aliko kuba yarafatiwe mu cyuho biramuhama. Ntiyigeze aliko ahakana na limwe yuko atibye uretse gusa ko yakomeje kurahira avuga ko nawe yali yibwe. Ngo yabikoze agerageza gutabara mukuru we wali ukeneye amafaranga amukuza mu munyururu, cyane cyane aliko ngo kuko yabonaga n n'ubundi uwo mukobwa ali bwibwe. Ngo kandi, abarahiye ku Mana, yabikoze azilikana neza ko amaherezo yali kuzishyura ayo mafaranga.

Ibyo byose aliko ntibyamufashije cyane uretse ko byatumye adafungwa uburoko bureburе nk'ubwa bagenzi be bali bakomeje guhakana ko batali abajura n'ubwo byinshi byabahamaga, nka panyali bali bamujombye babasanganye. Niba itali iyabo se ubwo yali iyande? Uwo wafatanywe amafaranga? Umuntu se yakwitera inkota ku kuboko amaze kwiba? Byaba bitagize icyo bivuze! Izo nize ngingo ubutegetsi bwabatsindishaga. Ikindi kandi n'uko bo bali banafite amadosiye abarega bali basanzwe bafungirwaho, mbese mu munyururu ali ahantu basanzwe. Mahirane we nyamara nta dosiye yali ahafite.

Ukuyeho ko atali afite ibyangombwa kubera ko byose byali byibwe, abagenza-cyaha bakulikije ibyo Mahirane yababwiye baje kumenya iwabo aho aliho, ndetse bajyayo bamenya neza yuko koko yali yatumwe i Kigali. Byose aliko ntibyashoboye kumufasha cyane. Ubutegetsi ngo ntabwo bwali bushoboye kwishinga abitabara bagombye kwiba no guhungabanya amahoro y'abandi. Yego bamwe mu bamuburanyaga, n'abacamanza ubwabo ndetse n'uwo mukobwa yali yibye hali abumvagamo ukuli mu byo yavugaga, aliko rero ntibyagombaga kumubera urwitwazo. Nibura iyo ajya kubivuga ku butegetsi ko yibwe cyangwa akareba ukuntu yifashisha mu bagiraneza aliko atagombye kwiba rubanda.

Yakatiwe umwaka wose. Ntiyiliwe anajulira kuko yumvaga atatsinda. Ikintu aliko cyamushenguye aho agereye mu munyururu cyali kimwe. Yamaze gutekerereza bagenzi be b'abanyururu ibyerekeye amagorwa yatumye ahaza maze bose baramuseka biratinda, aho bumviye agakino abajura bamukinnye aho bategera imodoka kubera ubujiji bwe bwo kutamenya gusoma! Bamurahiye yuko kuli "gare" hataba itangazo na limwe libuza abagenzi kuharara, rwose bamubwira yuko yabaye injiji, ko ndetse abo bamwambuye bagomba kuba ali abo bamuculitse.

.../...

Mu by'ukuli abantu benshi bashoboye kwigira inama yo kurwana ishyaka nk'uko Mahirane yabigenje muli iyo minsi ahali amajyambere y'igihugu n'ayabo ubwabo yakwikuba kabili. Ukwezi kwa mbere yali amaze muli gereza kwali kugiye kumukoraho iyo atiyibuka, yali yigishijwe kunywa itabi n'urumogi ngo kuko amagorwa ye ali byo byonyine byali kuyamwibagiza. Koko kandi yali amaze kwiyumva yarahindutse nk'ikinyamaswa kitacyita ku bili hanze byose, ndetse n'umubili we ubwawe.

Aho yumviye ibyo byose amaze kumenyerana n'abandi bafungwa yahise yibuka ko kutagera mu ishuli kwe ahanini byatewe n'ubujiji bwa se. Mukuru we niwe wali warashoboye kwiga gusa, turumuna twabo ubu natwo twali tugiye kuzapfa urwo yapfuye. Nta kuntu kandi mahirane atali yarakoze uko ashoboye yumvisha uwo mukambwe ko abo bana bato bo bakwiliye gushyirwa mu ishuli, undi yaramunaniye, ngo nawe nagende abashyilishemo ngo mbese we ntiyakoreraga amafaranga?

Ubwo nibwo yaguhagurukiye yisunga umugabo ukuze bali bageranyije uburyamo amusaba akomeje ngo atangire amwigishe gusoma no kwandika noneho nawe azajye amukorera utulimo twose amusabye kumufashamo, nko kumumesera imyenda n'ibindi. Uwo mugabo wali ufunzwe imyaka itatu aliko ubu akaba yali asigaje amezi macye ngo afungurwe yamubereye imfura ahita amwemerera. Yanamubwiye yuko aho muli gereza hali abandi bakora akazi ko kwigisha abandi ibintu binyuranye, aliko kuko yali yakunze icyo gitekerezo cye cyiza atangira kumutegulira amasomo akwiranye nabyo.

Nuko uwo musore amenya gusoma no kwandika atyo, ubwenge bwe bwose busa n'ubutwawe nabyo ku buryo amagambo yo kuganira n'abandi atayabonaga cyane kubera ko aho ali hose yabaga ahugiye mu bye. Ibitekerezo bye byose byali bisigaye byizingiye kuli uwo mushinga we utagira uko usa wo kwiga gusoma no kwandika.

Ntibyatinze, asigaje ukwezi kumwe n'igice gusa kugirango afungurwe yali amaze ku imenya ku buryo buhagije, ashobora no kubyigisha abandi. Ishyaka yali abifitiye n'urukundo rwa gushaka kubyigisha abandi ku buntu kandi hali ababasabaga amafaranga byenze kumukoraho maze alifata ngo atabizira, kubera yuko ngo abo bandi yali agiye kubicira isoko bahahamo!

Muli iyo minsi ntiyasibaga kwandikira ababyeyi n'inshuti ze. Guhimbarwa kwinshi yali afite kubera ubwo bwenge bushya yungutse byatumaga atoragura n'agapapuro abonye hasi kose akagasoma. Kwandika byo byali ibya buli munsi. Aliko muli abo bose yandikiraga hali hasigaye umuntu umwe yali akeneye kubikorera. Yumvaga yuko ibarwa yaba yiyandikiye n'intoki ze ibaye isomwe n'uwo muntu alibwo koko yamenya neza ko yamenye gusoma no kwandika.

Uwo yali wa mukobwa yazize nan'ubu yali agifitiye agafoto atigeze agaragaliza undi muntu.

Hanyuma yo kumenya neza aho yali kunyuza urwo rwandiko rukamugeraho nta nkomyi, yalihanganye arategereza maze bucyeye ali bufungurwe yicara hasi yandika umukono uryoshye yali yarabikiye uwo munsi. Amazina y'uwo yandikiraga yo yali yarayamenye kera kuko yumvaga bayasoma buli kanya kuli parike ubwo yali akiburanishwa. Dore uko yamwandikiye:

Neanze ntavuga ngo " Ku nshuti yanjye", ni cyo gitumye mvuga ngo kuli mugenzi wanjye kuko twese tukili bato tuli mu rubyiruko ruliho ubu. Nibura ubwo dufite akantu duhulijeho.

Ntakurondogoreye rero, nitwa Mahirane Kizito. Ubu nsigaje amasaha macye cyane kugirango nfungurwe aho ndi hano muli gereza y'i Kigali. Mpamaze umwaka. Nazize ko nakubaganye ngirango urabizi. Nanditse rero ngirango wowe ku giti cyawe ngusabe imbabazi kuko ali ibyanguyeho. Nibura uzingilire ku mutima birahagije. Kubisobanura ni birebire kandi ntibyoroheye benshi kubyemera. Rya joro nalicikiyeho intege bituma n'ibyambayeho byose biba nyine. Aliko ubwo niko byagombaga, impamvu si ngombwa kuyivuga kuko byaba ali ukurondogorera ubusa.

Warambabaliye ntiwanshinja ubugome cyane, ahali inkoni ziba zaranyishe! Sinsi uko byakugiyemo, aliko rero ubwo Imana ntizabura aho ibiguhembera. Ako gafoto kawe katagira uko gasa ntiwibukaga ko nako nakakwibye muli iryo joro. Umutima wanjye wali wagakunze uretse ko nakunze twinshi tumwe tukanyotsa amatama! Nakabitse neza kandi nali nkigakunze, aliko rero kuko nkubashye kandi nahemutse, ngako ugasubize aho kiberaga, mu by'ukuli ntabwo kangenewe.

Kuba ntashyizeho aderesi yanjye yo mu rugo ntibigutangaze, si nizera neza ko uzakenera kunsubiza, nabyo rwose ubimbabalire mo!

Ndangije nkwifuliza amahirwe menshi.

Mahirane Kizito.

## IGICE CYA KABILI

### 1. MAHIRANE SI WAWUNDI!

Aho Mahirane egereye iwabo abamuzi bose batangajwe n'imyifatire ye idasanzwe yali yadukanye. Uwali umusinzi ushoborana, utangiye no kugira umwete mucye mu byo yakoraga, ubu yali afite kwiyubaha n'umurava bigirwa na bacye. Mbese byendaga gusa nka kwakundi abitwa abarokore bamera ugereranije n'imyifatire yabo ya cyera.

.../...

Ikintu cya mbere yatangiliyeho kwali ukwigisha barumuna be uko ali batatu gusoma no kwandika. Ibyo yabikoraga hagati y'igihe yaviraga ku maduka gushona imyenda na ninjoro igihe abanyakabare baba batangiye kubyina bizihiwe. We rero ntiyali akinywa cyane keretse mu mpera z'icyumweru, nabwo gacye.
Umurego n'igitsure abakeneye ubwonge batsindisha injiji byagize icyo bimalira abo bana se yagiraga atya ngo aracyashye ngo ni bave muli ibyo bamuzanire iki na kiliya, umuhungu we akaba yabadutse we ubwe arakimuzaniye. Ibyo kandi arebanye na se bikaba byabaviramo gusuzugura umukambwe.

Umusaza nawe yageze aho arabimenyera, ndetse atangira kujya ahamagara umwana abanje kureba yuko yicaye ubusa atiga, cyangwa se ko koko hali impamvu ikomeye imugomba. Ahubwo hali ubwo yavugaga aseka ati:
" Ahaa! Cyono nyaruka utebuke sinshoboye umugayo we mukuru wawe!"
ubundi at:
" Iruka unzanire agashilira maze usange abandi batagucura amasomo".

Byateye kangahe se? Umusaza ubwe yageze aho nawe amenya inyuguti ibanza izina rye n'iliheruka! Ubwo bwenge budasanzwe Mahirane yakoreshaga iyo yabaga ashatse kwigisha umuntu utabyitayeho: kumukundisha uko we ubwe yarushaho kugira amatsiko yo kwiga. Umusaza nawe uko mutego yawuguyemo. Yamaze gufata izo nyuguti ebyili maze yumva afite n'amatsiko yo kumenya izindi eshanu zali hagati yazo kugirango izina rye NDUHIRA ryuzure. Yabyishyuzaga ubutitsa rero!.

Mahirane nawe yaheraga aho akamwigisha n'ibindi, ndetse limwe na limwe n'umukecuru we akigaho nka tubili! Cyakora koko nk'uko n'ubundi umubyeyi agilira ikibondo cye ishyaka litabamo uburyarya cyangwa ishyali, ukuyeho nyine umubyeyi gito, abo basaza ahanini gukunda kwandika no gusoma kwabo byaturutse ku rukundo n'icyizere bali bamaze kungukira umuhungu wabo babona imyifatire n'ibikorwa byiza yali ahadukanye, no kubera uko babonaga abandi basore bangana nawe bali batangiye kumwubaha no kumukunda.

Amatsiko yo kumenya ibishya yagiye yiyongera gahoro gahoro muli urwo rugo kubera ko ubu noneho ba bana uko ali batatu se yali yaboherejе mu ishuli. Byashatse kubagora aliko kuko babili muli bo bali barengeje imyaka yo kwinjira, uretse ko umuhate wa Mahirane wabigizemo uruhare bakabona baremerawe.

.../...

Uburyohe bwo kugenda bahishulirwa ibyo batali bazi kubera ko noneho bashobofaga kwisomera imvaho na Kinyamateka n'utundi dutabo byatumye mu mitima yabo yacya, urugo rwose ruranezerwa kubera ubwo bwigunge bwo mu mwijima w'ubujiji bali basohorotsemo. Yewe! Rwose ubumenyi burusha ubuki irushya mu guhakurwa, aliko byagera mu buryohe byo bikikuba kabili!

Ibya Mahirane n'umurava we wo kwigisha abandi ntibyahereye iwabo gusa. Byakongereye mu mihana ya hafi yose mazo abashaka kwiga gusoma no kwandika bamubana benshi koko. Nawe se icy'ubuntu! Ntiyijanye n'ubwo byageze aho bikamugora kubera ko bamwe babaga batangana n'abandi mu myaka y'amavuko, imyigishilizwe yabo ifite ukuntu igomba gutandukanaho. Ubwo noneho nibwo yahagurukiye kubarangira no kubinjizamo umuhaŧa wo gusanga ahali ibigo bibishinzwe cyangwa n'abandi banyamurava biyemeje ako kazi nka we. Mbese abaturanyi yabaye nk'ubatungiye agatoki aho bali barananiwe kwiyoreka!

Reka sinakubwira! Kubera uwo murava n'urukundo rudasanzwe Mahirane yali amaze kwerekana iwabo aho, abasore baho baramukunze baramuyoboka. Yego ntibyatwaye ijoro limwe n'amanywa yaryo kugirango bimutunganire, aliko rero uko bwacyaga bukira ni nako ibikorwa by'abali bamaze kumenya gusoma no kwandika kubera we byagiraga icyo bimalira umuntu ku giti cye na serire yabo muli rusange.

Mahirane yumvise yishimye cyane. N'ubwo hali igihe yumvaga bimuvunnye kubera ko yali anagifite akazi ke kamuraba k'icyarahani n'indi saha nawe yagombaga kumara ali hamwe n'undi musore w'umwalimu yali yalisunze ngo amwigishe bimwe na bimwe mu byerekeye imibare ndetse n'agafaransa, muli rusange yashimishijwe no kubona abasore benshi bali bamaze kwitabira icyo gikorwa cyiza cyo kwigisha barumuna be nawe ubwe atarabe umuhanga wabyo byali byatewe ahanini n'ubwo buvandimwe bwabo, aliko halimo n'agashyuhe k'umwirato w'umuntu ushaka kurata icyo aherutse kunguka vuba aho. Nyamara iyo biba iby'undi muntu utisanganiwe urukundo, umurava n'ubwihanganyi nk'ibyo yagize muli ibyo bihe aba yarerekeye aho cyangwa ntiyakire abo bandi b'imuhana, cyangwa se akabikora abanje kubaka amafaranga.

Ntibyahereye aho aliko. Kubera ibyo bahoraga basoma mu "invaho" n'ibyo bataaibaga gutega amatwi mu biganiro by'urubyiruko kuli radiyo Mahirane na bagenzi be batangiye guhugukira siporo n'animasiyo babyinjizamo na barumuna babo maze sinakubwira! Abantu bose baratangaye babona ukuntu segiteri yabo yali imaze guhinduka kubera ibikorwa byiza by'urubyiruko rwayo. Konseye wayo mawo yiyemeje kubatera inkunga muli byinshi, abitewe n'uwo murava wabo mwinshi.

Ntibyatinze animasiyo yabo yarakunzwe iramamara no kuli komine biza kugerayo ku buryo bageze aho babalirwa kuba aba kabili muli komini yose! (Abambere bali abagize umutwe wa animasiyo ya komini).

Umupira w'amaguru wo ubu bali batangiye kujya batsindanwa n'andi masegiteri yali yarabatanze kuwukina, ndetse batatu muli bo batoranywa kuba bamwe mu bagiza ikipe y'umupira w'amaguru ya komini ubwayo. Abo batatu umwe muli bo yali Mahirane!
Yasanze atararuhiye ubusa. Amahoro n'ubwumvikane bwinshi bwali hagati ye na bagenzi be yumvise bimunyuze cyane. Aliko ntibyali bihagije kuko bake muli bo ali bo bali bifashije nabwo bitali cyane abandi bo rwose ali abakene biberaye aho biterwa n'ubukene bw'ingo bakomokamo. Nawe ubwe ntacyo yali abarushije cyane uretse icyarahani nan'ubu cyali kitarashobora kumwubakira akazu kagaragara, gashakajwe n'amabati mashya, ko yahoraga yifuza.

Mahirane yakojeje abo basore bandi igitekerezo cyo kugira ngo bajye inama barebe igikorwa bafatanyiliza hamwe cyabateza imbere maze asanga arorosora ababyukaga. Bamwe muli bo bali bazi n'imyuga yo kubaka no kubaza byo bali baligiye muli za selayi, aliko bakaba na n'ubu ubwo bwenge bali batarabushyira hanze ngo bugaragalire mu bikorwa kubera impamvu ziteye agahinda zo gutinya no kwicyeka ubushobozi buke zikunda kudindiza kujya mbere by'urubyiruko.

Aho rero niho Mahirane na bagenzi be cumi n'umwe batangiliye umushinga uhanitse ku buryo nyuma y'amezi atandatu gusa abasore n'inkumi bo mu yandi maserire babagannye maze umuryango wabo waguka utyo, biza no tutuma Mahirane, wanatorewe kuwuyobora, akira yubaka iduka aba n'umuhinzi-mworozi ntangarugero, aliko cyane cyane abikuramo umugeni utagira uko asa biturutse ku ishyaka n'urukundo rwinshi yamugiliye akimubona.

.../...

Abo basore uko ali cumi na babili barakugendeye baseba komine kubaha ahantu ho kubumbira amatafari ya rukarakara n'ahiyo, komine nayo ntiyabatindira irahababa bitewe n'umurava wabo w'animasiyo wali warabagaragayeho. Ibyo birangiye bigabanijemo amakipe maze babigenza batya:

Bamwe bali abo kubumba amatafari bakanayatundira aho agomba kumira, abandi bakayatwika no kuyatundira aho konseye yali yabemereye kubaka amazu atarenga atatu ahantu hali hetangiye kuremerwaho isoko likomeye muli segiteri yabo iruhande rw'umuhanda nyabagendwa. Ikipe ya gatatu yo yali iyo gusiza ibibanza no gukora akazi ko guhagalika ayo mazu no kuyasakara.

Ikibazo cyo kubona ibiti n'amabati byo gusakaza ni cyo cyababereye kinini. Ubwo nibwo umucuruzi ukomeye wa hafi aho wali washimishijwe n'uwo mushinga akaba yali na perezida w'ikipe yabo y'umupira w'amaguru yabemereye kubafasha mu buryo bwo kubaguliza akabaha amabati n'imisumali yayo byujuje amazu abili. Komini nayo ntiyatanzwe yabemereye kubaha ibiti bihagije gusakara ayo mazu abili bashakaga gutangiliraho. Ibyo kuyazamura nibo ubwabo byarebaga bakoresheje amatafari yabo bibumbiye.

Reka rero inzu ya mbere isakarwe amabati mashya arasirwaho n'akazuba k'amanywa. Umucuruzi wa mbere aba yahashinze ibilindiro ati ňkagura iyi nzu yanyu. Bati rero tubanze tuumvikane: dore urabibona ntiwakwinjira mu nzu idakinze: duhe amafaranga tuyikinge tuzayakature kuyo uzayigura ibihumbi 120.000 cyangwa se uzane ibihumbi 80.000 gusa uzayikingira.

Umucuruzi yemeye kuyigura ibihumbi 120.000 kuko n'ubundi n'iyo ashaka kuyikingira ali bo yali gukodesha bakabikora kuko bali abafundi babishoboye. Kubera ko iyo nzu ya mbere yali yubatse aho amayira yinjiza abaje mu isoko yahuliraga, yabagulije amafaranga yo kugura imbaho n'ibindi bikoresho byo gukora inzugi atinya ko yarangara hakagira undi uyimutanga. Kuko batali bibuzemo ababaji, kubaza no gukinga izo nzugi ntibyabagoye cyangwa ngo bibahende na gato.

.../?..

Inzu yaruzuye nyirayo arayitaha nabo bahugira mu kubaka iya kabili. Yo aliko bayiboneye umuguzi bakiyisigira ikibanza! Akoza kaligura. Mu minsi mike amabarwa y'abakeneye kubakirwa amazu nk'aye yatangiye gucicikanira ahongaho abo basore bakorera. Si muli ya segiteri yonyine kandi, ahubwo n'andi nk'atatu yali abegereye!.

Umuryango wabo wakomeje gukomera ugira abanyamuryango 38, balimo abahungu 30 n'abakobwa 8, maze sinakubwira amafaranga baragwiza. Ubwo aliko nabo ntibiyibagiwe; buli muntu ku giti cyo, mu byo guteza imbere amago yabo n'ay'ababyeyi babo ubu bali bamaze guhesha ishema. Dore nk'ubu aba Mahirane bali basigaye batumirwa mu migenzo yose ibera hirya no hino mu baturanyi, nta gusuzugurwa kukibarangwaho, ndetse akenshi ali bo bahabwa ijambo ahali imbaga y'abantu!

Ibikorwa byabo ntibyaheroye mu kubaka gusa. Kubera ko uwo muryango wali waramaze guhabwa ubuzima gatozi, izina ryawo likaba ABAJYAMBERE, nabo barakomeje baba abajyambere koko. Za Banki bagennye baziguza amafaranga babemoreye bitabagoye kubera ibikorwa byabo n'imigambi y'indi mishinga ya kijyambere barekanaga maze abashinzwe kugenzura ibyo kuguliza amashyirahamwe amafaranga bakanyurwa koko. Gufatanya n'ubutegetsi bwa komini ne kugisha inama buli giho ba ankaderari b'urubyiruko aho bababoneye nabyo ni kimwe mu bintu byarushijeho kubahesha amanota n'ubwizerwe.

Koperative ABAJYAMBERE yali ishingiye ku ntego nziza zihuje n'iza M.R.N.D., ali zo: AMAHORO, UBUMWE n'AMAJYAMBERE. Basanze ali nta ntego zageza abantu ku cyo biyemeje cyagilira benshi akamaro zitali iz'uko ali eshatu. Reka rero bazabwirwe n'imwe mu mpuguke z'ibyerekeye urubyiruko ko umwaka w'1985 watoranijwe kuzahalirwa Urubyiruko ku isi yose, kandi ko ngo intego zateganijwe kubera byo ali: GUFATANYA, AMAJYAMBERE n'AMAHORO.

Ibyishimo n'ishema byashatse kubica bamenye yuko bo izo ntego bali barazigezeho kera. Icyo gihe hali mu 1982. Bose hamwe biyemeje guhagurukana izindi mbara n'umurava by'akarusho kugirango uwo mwaka uzagere nabo bamaze kwigeza ku bikorwa bigaragara bya kijyambere koko.

.../...

Gusakaza amazu yabo amahati no kubakira ababyeyi babo basanze atali byo byasaza umugambi wabo wa gutera imbere. Hali hakili n'ibindi byinshi.

Ubwo nibwo abo basore batangiye umushinga utagira uko usa wo gushakira hasi no hejuru ubwoko bwose bw'ikintu kizwi gishobora kubyara ifumbire bakayifumbiza imilima y'ishyirahamwe ryabo bali bamaze kungunga, indi bakayikwirakwiza mu milima y'abaturage batishoboye batishoboreye kubikora kubera ubunebwe, ubukene cyangwa izindi mpamvu, ku mafaranga adakanganye:

Bashatse ahantu barahagura bahubaka ikigo, maze bahacukura ibimpoteri byinshi bubeka ingarani, zo batundiragamo amase, amahurunguru ibishishwa by'imyaka byajugunywaga ku gasozi n'abatazi akamaro kabyo. Amase uretse no kuyagura kubafite amacukiro yuzuye adafite icyo amara, banayakulikiraga mu nzuli aho batagira uyabishyuza! Ibyo byose habifashwagamo n'abana b'imigiligili bali barashakiye ingorofani zo kubitunda. Igihembo cyabo cyali ikihe? Kubigisha gusoma no kwandika. Ntawe utarabyirukankiye!

Abaturage badashoboye ibyo byose nabo ntibabuliyemo. Kubera ko koperative ABAJYAMBERE yali igifite ibikorwa byayo bisanzwe byo kubumba no gutwika amatafari, limwe na limwe no kugira inzu bubakira umuntu n'ibiraro bali bamaze kugwiza bororeramo amatungo mu buryo bwa kijyambere, imilimo yabo yali imaze gukenera amaboko menshi abibafashamo. Niyo mpamvu rero umuturage bafumbiliraga umulima bamugeneraga akazi azabakorera bagereranije n'ifumbire bamuhaye.

Abaturage barabikunze. Uwabaga afite amafaranga yagurago iyo fumbire akanasalihira yuko bayimukwirakwilije mu mulima ku buryo bwa kijyambere nk'uko bali babyigishijwe na ba MONITERI-AGRI b'aka karere k'iwabo batasibaga kugisha inama. Uwabaga adafite amafaranga aliko afite isambu nini yabahaga umulima bakawihingira bakawuteramo imbuto ziwukwiye, umusaruro wa mbere ukaba uwabo. Uwabaga adafite ibyo byose rero niwe bafumbiliraga akalima cyangwa utulima afite, noneho nawe akabishyura ababumbira amatafali, ayatwika cyangwa ayikorera akayatundira aho bayakeneye, cyangwa se akabahilira ubwatsi bw'amatungo yabo.

.../...

Nguko uko Koperative "ABAJYAMBERE" yateye imbere bityo iteza imbere n'abandi baturage bitewe n'umurava, n'urukundo rwo kuzilikana ibyali bikubiye mu ntego zayo eshatu, alizo: UBUMWE, AMAHORO n'AMAJYAMBERE; Hirya y'ibyo kandi bali bararushijeho gufashwa n'izindi ntego ntoya, alizo izi zikulikira:

1. Kwilinda burundu ubujiji bwo kutamenya gusoma no kwandika.
2. Gushishikalira Animasiyo n'imikino ngorora-ngingo.
3. Kudakabya kwiyinjizamo umuco wa kizungu gusa ngo basuzugure uwabo.
4. Gutabalira icyalimwe ufite ingorane zikomeye muli bo.

Uwabaga yiyumva ko izo ngingo uko ali enye azishimye kandi azarahilira kuzikulikiza ndetse nawe agaharanira kuzicengeza mu bandi, uwo niwe wali ufite impamyabushobozi nyamuntu yo kwinjira mu muryango w'ABAJYAMBERE, utali ufite uwo uheza n'umwe ali mu bitsina ubwoko cyangwa amadini.

Muli bose aliko, umusore Mahirane ubu wali umaze no gukira niwe washoboraga kuba yakwicara agatekerereza abafite imigambi yo gushinga amashyirahamwe y'urubyiruko ukuntu umuntu yabigeraho bitewe n'ishyaka ryo kwirwanaho, umurava, ubwihanganyi no kutikubira.

Yego imyaka itandatu yali abimazemo ntiyali mike cyane ku muntu w'umunebwe wifuza ko yatera imbuto akayisarura bucyeye bwaho, aliko ku munyabwenge uzi ko ntawe ugomba kubona icyo atakoreye kandi ko Imana nayo ifasha uwifashije, iyo myaka yali nk'amezi atandatu.

Mbere y'ibyo ubwo yali akili agasore k'ingaragu kibereye iwabo, Mahirane yali asanzwe azwiho umurava n'ubutwali bugirwa na bake. Aliko kwicanga aho yali ali no kutamenya ko haba hali inzi ntambwe yashoboraga kuba yatambuka ikamwerekeza mu mucyo wo kujijukirwa na byinshi bikaba alibyo byali byarabanje kumudindiza ndetse akitabaza akagwa nk'uko bikunda kumerera abasore benshi ubu yabibonaga nk'inzozi gusa. Ubu yali umwe mu bantu bafite ubwonko bukora neza ahongaho muli segiteri y'iwabo no muli Komini ali umwe mu bafite uruhare runini mu gutsura amajyambere yayo.

Mu bihugu byajijutse cyane bagira abantu bize ku buryo buhanitse, abize cyane, abize bisanzwe, n'abiyigishije ku giti cyabo. Kubera yuko bo bubaha ibitekerezo cyangwa ibikorwa by'umuntu batitaye ku mashuli menshi ye yize cyangwa ukuntu yali ameze mbere nicyo gituma bitagira uwo bitangaza muli bo iyo umwe abajije undi ati: kanaka mbese yigiye he, undi nawe akamusubiza hitagombye no guhagalika ibyo baganiraga ati: yaliyigishije.

.../...

Na Mahirane ubu wali unamaze kubatizwa no gukomezwa yali yaliyigishije. Ntawiyigisha wenyine birumvikana. Agomba kugira n'ibura n'inshuti imutera inkunga mu bitekerezo, aliko uruharo runini rukomeza kuba urwe kuko ashobora kwiha uburenganzira bwo ku ihagalika cyangwa se kubikomeza. Niyo mpamvu rero aliwe byitilirwa kuko aba yarabikunze ku bushake bwe, atali nk'umwana bakubitira kubyuka ngo ajye kwiga.

Ibyo byose aliko uwo musore yashoboye kugeraho byali bisigaje gusozwa n'igikorwa kimwe cye gushaka uwo babana bagafatanya urugo rwabo. Burya rero ngo buli muhungu cyangwa umukobwa aba afite uwe wamugenewe kuburyo n'ubwo mwatandukanywa n'inzuzi cyangwa imisozi igihumbi umunsi uzabahuza uzaba umwe kandi utazagomba undi wa kabili kugirango umuhango w'ibanze w'ugushyingirwa kwanyu ube, wawundi ubimbulira indi yose iyo Imana iguhitiyemo uwawo maze igushyingira imitima yanyu yombi, imihango ya Muntu ikazaba ibigaragaza nyuma.

2. <u>NGUYU UMUGENI NYAWE</u>.

Mahirane yaschotse mu'iduka rye mu mujyi mutoye w'iwabo asigamo barumuna be ubu bali mu biruhuko by'amashuli, bamufashaga kugulisha ibintu. Yali afite urugendo rwo kujya i Kigali na Kamyoneti ye yali imutegereje hanze yali yicayemo abantu batatu, inyuma, yali yemereye gutwalira ubuntu kuko bali abaturanyi be.

Umugani w'igiswayire uvuga ko ngo imisozi idahura na limwe aliko abantu bo bahura. Uw'Ikinyarwanda nawo uti: abadapfuye ntibabura kubonana. Mahirane nawe yinjiye mu modoka ye yali amaze amozi abili gusa aguzo maze anaze aho abantu bategera amamodoka ku muhanda munini ahabona abakobwa babili bahateze imodoka. Baranuhagalitse nawe aremera abahagarara iruhande, afungura urugi balinjira.

Nubwo hali hashize igihe kirekire bwose, Mahirane ntiyatinze kumenya umwe muli abo bakobwa wali umwicaye iruhande. Uwo mukobwa yali UWAMUKWA, wawundi yafungirwaga agize ko yamenye munzu yabo akamwambura amafaranga. Wawundi yali yarumvise akunze akimubona bigatuma anamwandikira aliko ntamuhe aderesi ye ngo nawe azamwandikire, kuko ngo amaboko atareshya atayamukanya bitewe n'ukuntu yamwigereranyagaho.

.../...

Mahirane yakoze akazi ko gutwara imodoka aliko umutima utali hamwe. Yali yabonye neza kandi ko uwo mukobwa atashoboye nawe kumumenya. Nicyo cyatumye ahezayo umwuka w'amatsiko akajya gusa ajugunya akajisho aho abo bakobwa bicaye abifashijwe nuko imodoka ikatiye mu'ikorosi ligana iburyo kuko aliho bali bali.

Urugendo rwarakomeje nawe akora uko ashoboye atwara imodoka neza n'ubwo ibitekerezo byose ahanini byali byirunze ku ruhande rwe rw'iburyo, aho uwo mukobwa wali umufitiye rukuruzi idateye nk'iyabandi yali yicaye. Kumubona yicaye iruhande rwe baganira neza nta ngorane zimeze nk'izo bali balimo mu ijoro bahuraga bwambere byali bishimishije rwose, akumva ishyushyu ryo kugirango amwibwire ryenda kumwica. Na n'ubu urukundo yali yaligeze kumugilira rwali rutaramushiramo, aliko rero ubu yali azi yuko yibwiye uwo mukobwa uwo aliwe n'aho bahuliye undi yahita amwanga akanamuhunga, amenye ko ali wa mujura wamuteye mu ijoro ryo kuwa gatandatu muli 77.

Yibukaga umujinya n'umwaga bya musaza w'uwo mukobwa wamukubise urushyi muli iryo joro akumva bitashoboka ko yapfa amubereye umuramu, cyangwa ko ababyeyi be bakwemera ko umujura biyiziye yagira atya akababera umukwe. Ese ubundi bwo we yali azi ate ko uwo mukobwa akili aho atararongorwa nyuma y'iyo myaka itandatu yose?

Muli Komine yabo ubu hafi buli rugo rwiyubashye rwashoboraga kumushyingira aho abivugiye kubera kumwubaha no kumukunda. Ndetse hali abali batangiye kumusaba ko yiyamamaliza akazi k'Ubujyanama bwa segiteri. Abakobwa baho nabo ubu bagaragazaga ubwo bushake bwo kuba basabwa nawe n'ubwo kera benshi mulibo batali baligeze bamurebesha n'ilihumye kuko hali udusore twamurushaga imifuka iremereye.

Hali nk'uwitwa Nibagwire Mahirane yakunze kuva kera babyirukana ali uko bimeze, aliko aho yamukoreje ibyo kuzamubera umugore undi amutera utwatsi ndetse aherako yilinda kongera kumuvugisha. Ubwo byali mbere Mahirane agikaraga icyarahani. Ubu rero uwo mukobwa niwe wali waramupfiliye, adasiba kwinjira mu iduka rye kwibalishamo utuntu n'ibiciro byatwo.

.../...

Ali Nibagwire uwo ali n'abandi banamuruta ubwiza baho ntawe Mahirane yali afite mu bitekerezo. Cyakora yali azi ko amaherezo azagira uwo asaba muli bo kugirango urugo rwe agire uwo barufatanya. Ibyo gusa. Ibyo byose aliko byamuvuyemo aho yali yicaye aho mu modoka ye, iruhande rw'Uwamukwa wamugiliraga rukuruzi itameze nk'izabandi.

Aho bagereye i Kigali Mahirane yakebutse Uwamukwa aravuga ati: "Uyu mukobwa se murabana?".
Undi yamusubije ko ngo ali mwene wabo uba i Nyamirambo, aliko yungamo ati:
Icyo kibazo aliko sinumva uko gitoye. Ukibajije usa nk'aho jye wali usanzwe unzi!
Hali aho nigeze kukubona turanavugana. Ubwo aliko imodoka yali imaze guhagarara, Uwamukwa atangiye gufungura agasakoshi kugirango yishyure. Yaravuze ati:
" Reka ntaho wambonye ...yewe, wenda byaba nabyo kuko mbona nsa n'ukuzi aliko nkayoberwa aho nakubonye." Yahereje Mahirane amafaranga 400 aliko undi arayanga aravuga ati:
"Inshuti zanjye nzitwalira ubuntu."
Barasetse baramushimira nuko imodoka bayivamo.
Uwamukwa ataragera hanze yumvise uwo musore amubaza ati:
" Ntimulimuka se?"
Yalikanze arakebuka aramwitegereza, aramubaza ati:
" aliko uli nde?".
Mahirane yarasetse amukoma agashyi ku kaboko, nuko amusaba ko ejo azamusanga aho ategera bisi (uwamukwa) nyuma y'akazi hafi ya minisiteri yakoragamo ku Kacyiru. Aho akora yali yahamenyeye mu biganiro abo bakobwa bali bakomeje kunyuzamo bagaturura byerekeye akazi kabo we ahugiye mu kuyobora imodoka.

Uwamukwa utarakundaga kugirana amasezerano bene nk'ayo n'abahungu yiyumvise amwemerera, uretse ko mu mutima we hatabishakaga. Yamubwiye ko natinda atazahamusanga ngo kuko atakwemera ko bisi ihamusiga wenyine kandi bagenzi be bayigiyemo. Nyuma yibyo yabasezeyeho aragenda nabo bakatira mu gahanda kaganaga mu Kiyovu aho Uwamukwa yabaga.

Mahirane siwe warose bucya. Kongera kubonana n'Uwamukwa byonyine byali byamuteye ubwuzu, kuva igihe yali yamukubitiye ijisho umutima we wahise umukunda byo atali yaligeze agilira undi muntu.

.../...

Hali umusaza wajyaga ubatekereza iby'abantu bashobora kugirana rukuruzi z'ako kanya ku buryo butangaje, aliko we akabihinyura abona ko ubwo byali amakabyankuru. We yaje kubyemera amaze kwiyumva uko byamumereye agihura n'uwo mukobwa utagira uko asa witwaga Uwamukwa Ubu aliko ali mu modoka ye, agana aho bali basezeranye guhulira, Mahirane yongeye kumva afite isoni ndetse n'akababaro ko kwibwira uwo mukobwa, uwo yaliwe n'ahantu bigeze guhulira bwambere. Ako kanya ndetse yagiye yiyemeje yuko ali bumubeshye ko bigeze guturana igihe kitali kirekire akaba alibwo yali yaramumenye.

N'ubwo yali amaze amezi make abatijwe yumvaga ko kugirango abe yabana n'Uwamukwa nta handi byali guturuka keretse bombi bagiye inama bakijyanira bakazaba bashyingirwa nyuma, kwakundi bita guterura. Kuli we gukwa uwo Uwamukwa ntabwo byali bimugoye nubwo bali kumushakaho izingana iki. Ikibazo gusa cyali icyo kumusaba. Ntiyiyumvishaga ukuntu byali kuvugwa amenyekanye aho yali gusaba umugeni ko aliwe wigeze kumenera mu nzu yabo akabiba... nako akiba uwo mwali ubwe!

Yego ubu yali afite amafaranga ye kuburyo batamurushaga ubukire ngo babe bamusuzugura, kandi ngo habana abakize, aliko rero igisebyo cyali kimwe gusa: kuba yaligeze kuba umujura kandi bakabyibonera. Alikose, aho none bali bakimwibuka, ko yali yabonye n'umukobwa wabo yamwibagiwe. Aho niho Mahirane yigiliye inama yo guhisha Uwamukwa uwo yali we. Nyamara ntiyali azi ko undi nawe yali yaraye amenye uwo aliwe, bitewe n'ikiganiro yagiranye na mugenzi we bali kumwe ubwo yabatwaraga mu modoka.

## 4. <u>RUKURUZI NTIFATA URUSA!</u>

Uwamukwa aho yali ahagaze ategereje Mahirane nawe yumvaga ashimishijwe no kubanana bakaganira iby'imibereho ye. (ya Mahirane). Imiburanire ye atali yaligeze ahinduraho ijambo na limwe n'ibarwa yamwandikiye akirangiza umunyururu nibyo byamwemeje ko mu by'ukuli uwo musore atali umusazi nk'uko yali yabanje kubikeka, ko gusa yali umunyamugisha muke wahuye n'ingorane z'impulirane.

Zaba impuhwe aliko, cyaba iki, Uwamukwa hali ubwo nawe mu by'ukuli yajyaga yumva akunze uwo musore. Ubwo aliko byali cyagihe yamuteraga munzu, ho gake, n'igihe yabonaga urwandiko rwe rwamusabaga imbabazi ruharekejwe n'ifoto ye atibukaga aho yabuliye. Icyamubabaje aliko ni uko nta aderesi ye yali yanditsemo. Aba nawe yaramwandikiye limwe lisa, amumenyesha ko iyo barwa ye yamugezeho kandi ko ngo amubabaliye. Kubabona uko amusubiza byamuvunnye iminsi mike ageze aho arabyibagirwa. Ubwo yali amatangiye akazi atagifite akanya ko kwibuka ibyo.

Ibarwa atigeze aca cyangwa ngo ate yaje kongera kuyibutswa na nyina wali wayisomye akumirwa ayisanze mu bintu bye bimuliraga mu kindi cyumba. Iyo barwa banayeretse se boso barasoka baratangara, babitewe n'amagambo yuzuye ukuli no kwicuza by'uwo musore. Kuberako ubusanzwe nabo bali abantu b'abanyedini cyane bumvise bafatanya n'umukobwa wabo kumwandikira bamuhumuliza ko mu mitima yabo bamugiliye imbabazi, aliko babura uko babigenza kuko nta aderesi ze yali yabahishuliye.

Uwamukwa wifataga ntashamaduke bikabije nka bamwe mu bakobwa bakoranaga na n'ubu yali ataragira umusore yinjiza mu mutima we ngo amwemerere kuzamubera umugore n'ubwo ababimusabaga batali bake. Nk'abandi bakobwa bato bose, yumvaga ibyo atali byo byonyine byali imbere y'ibindi. Kuli we byali kuzikora ubwabyo igihe cyabyo kigeze atali uko bigombye kuba imbyino ngo rongorwa rongorwa!

Ntiyajyaga yanga kujyana n'urundi rubyiruko rw'abasore n'inkumi mu bitaramo haba mu mikino cyangwa mu makwe, aliko icyo benshi muli abo basore bahoraga bamusezeranya paradizo mu ngo zabo bageraga aho bakamwangira ni uko bamukozaga ibyo kurarana nabo iwabo cyangwa mu bitaramo bya ninjoro akabatsembera ko nta na limwe ashobora kubikora. Ubwo ndetse yalikubitaga akagenda, agasiga na bagenzi be babaga bemeye gusigarana n'abo basore.

Muli ako kanya nabwo ubwo yali ategereje Mahirane, wenda umwe muli bene abo basore baba bashaka guhindura abakobwa indogobe zabo nyuma bakazabaterera iyo bamaze kubona ingamiye n'ifarasi, yumvise yicujije icyatumye yemera gusigara aho. Yitegereje bisi yali imusize aho bagenzi be bose bayigiyemo nk'uko bisanzwe yumva yayihamagara ngo ihagarare nawe imujyane. Yali igeze kure aliko!
Yali yaraye amenye ko uwo musore yali Mahirane bituruтse kuli wa mukobwa bali bageranye i Kigali wamutelefonnye ku mugoroba.

Bavuganyeho gake maze Uwamukwa ati:
" Aliko uravugira he ko numva hali umuziki?".
undi nawe ati Byihorere shahu. Ubu ndi munzu y'umuzungu di!
Harya wowe ngo uzemera kugwa ku ziko?
Roza kandi dore ndumva wasinze. Ubwo ejo uzashobora kudya ku
kazi koko kandi bali bamaze iminsi mike bakwihanangilije!
"genda ye! ubwo se bitanu bihwanye na 400 nali gukorera ejo...?
E, sha, nterefonnye ngo numve ko ka gasore katuzanye katagukulikiranye!"
"Reka twese twahise dutandukanira harya. Ni umwana mwiza cyakora."
" Eheee! Ubwo wamukunze dore ko abakobwa n'amatoyota n'amasuzuki
mwabaye mahwi!".

" Byose biterwa na nyirubwite ". Uwamuruta yumvaga ashaka kwiryamira
Nterefonnye ngirango numve ko wagezeyo amahoro kuko ntigeye ijisho
yakurebaga. Harya ngo ejo muzongera guhura? Uramenye atazaguca ishu
He he! ndetse byatumye mfata inomero z'imodoka ye...
Ni zihe di? Uzi ko jye ntibutse kuzireba! Ibyo Uwamukwa
yabibajije ahimbawe bituma mugenzi we akubita agatwenge.
Nawe ubwe ntiyali azi impamvu abibajije, aliko yumvaga abifitiye
amatsiko.
" Ni TOYOTA HILIGISI y'umweru."
" Ibyo ndabizi."
"Yanditseho amazina MAHIRANE Kizito. Urumva ukuntu nkulikira?
Nomero zayo ni J.B. 01....". Imodoka y'umuzungu wali ugarutse
yasabaregoye bahagalika ikiganiro cyabo basezeranaho, umwe
ajya kuryama kuko hali mu masaa yine, undi nawe anyarukira hanze
gusanganira umuzungu we wali uzanye izindi nzoga.

Ubwo Uwamukwa yahise yulira igitanda cye yiteguye ko ibitotsi bimufata. Bya he birakajya! Muli iryo bura ryabyo nibwo amazina ya M-A-H-I-R-A-N-E K-I-Z-I-T-O yakomeje kumwinjira mu bwonko. Yahise ayibuka neza neza nk'aho ali ejo yayumvaga bayahamagara bayasoma ku mpapuro zo muli parike aho nyirayo yali ali aregwa icyaha cy'ubujura, nawe ahali, amushinja. Yongeye kuyibuka neza neza nk'aho ali ejo yayasomaga k'urwandiko yali yamwandikiye agisohoka mu munyururu.

None Mahirane niwe rwose yali yayobewe ahantu yaba yaramubonye! Mbega ukuntu ibihe bitandukanya imigaragalire y'abantu! Uwo yigeze kubona yambaye agakaliso gusa atitizwa n'imbeho ubu niwe wali uwo musore w'umushoferi? Rero wenda ubwo yali n'iye ubwo yali yanditseho amazina ye, Keretse nyine niba yali aya se bitiranwa cyangwa undi muntu washatse kuyimwandikishaho. Ahaa, abasore b'ubu? wenda nawe yayigulira da!

Yumvise bimuteye ineza mu mutima maze ibitotsi bibona mufata. Ku kazi bucyeye nabwo yali agifite akanyamuneza wa gani wa wa mulilimbyi ngo "Burya ijambo ry'uwo ukunda...." iko se koko byali urukundo dore ko narwo rugira ibyarwo?

5. NIBABANE KUKO BAKUNDANA

Uwamukwa wali ugihugiye mubyo kwicuza yuko bisi imusize iyamenye igihe Kamyoneti ya Mahirane yamuhagaraliye iruhande. bonye ayisohokamo aza amutegeye amaboko nuko barahoberana. Bombi mvaga basa nk'aho ejo batali baramukanije.
hirane niwe watangiye ati:
Aho ntiwarambiwe "?
ya da! Ahubwo uzi gukorera kuli progaramu!".

Binjiye mu modoka bamara iminota nk'itanu baganira yerekeye imirwa, ukuntu Kacyiru yubatse kijyambere, n'utundi 'utwo two gutegura ibiganiro byali gukulikiraho. Nyuma nibwo hirane yamubajije niba bashobora gufata ka byeri muli Hoteli ugwiro undi amutsembera ko atanywa byeri cyakora apfa kwemera amugulira fanta, aliko ngo ntibarenze iminota cumi.

Muli hoteli uwamukwa yabajije uwo musore ngo ngaho rero mwibwire kuko ali naryo sezerano ryali ryatumye bahulira ku Kacyiru o. Mahirane yashatse guhimba ikinyema cy'aho yaba yaramumenyeye ze uwo mukobwa araseka aramubwira ati:
Erega maye amazina yawe yarakumbwiye. Wibagiwe yuko yanditse modoka haliya!".

Mahirane yarumiwe kuko ibyo atali yabyibutse. uma aliko yarasetse maze aravuga ati:
awe, iyo tutaba aha tuba twongeye tugahoberana. Siniyumvishaga gake ko ushobora kumenya, cyangwa se ko wamenya ukongera ukamvusha"! "nicyo se cyatumye wandika ukanga gushyiraho aderesi?"
rega ibyaha byanjye bihora ali umutwaro kubera kwiyongera!"
Humura icya mbere warakibabaliwe. Mu ijuru no mu butegetsi ho ntazi, naho kuli jye cyarahanagulitse."
mbi barasetse Mahirane yumva yamusanga aho yicaye akamuhobera. ubundi aliko yamukoze mu ntoki aramushimira.

.../...

" Icya kabili aliko nturakibabalirwa!".

" Yewe, sijye wabona nkira icye cya mbere, naho icya kabili ubwo nacyo uzagera aho ukimbabalire nk'uko nsanzwe nkurushya!"

Barasetse bakomeza kuvugana utugambo bene nk'utwo, hanyuma aliko Uwamukwa amumerera nabi amusaba ko amusobanulira ibyamubayeho byose mbere ya rya joro babonanaga bwa mbere, n'ibindi byose byagiye bikulikiraho.

Iminota icumi yararenze iba, 20 , iba 40 Mahirane atekerereza uwo mukobwa yumvaga akeneye kubwira ukuli kose kuko noneho aliwe ubwe bivuganiraga, atali mu bucamanza cyangwa mu rwandiko. Uwamukwa we yali yumiwe. Limwe yalimyozaga ubundi agahigima, limwe akazunguza umutwe ubundi akisekera gusa. Aho Mahirane arangilije nawe nibwo yavuze ati:

"Yewe, iby'iyi si biteye ukwabyo koko. Urumva uko kurengana kose wagize! Aliko rero nawe walihemukiye. Iyo unyura mu nzira nziza ndibwira ko utali kubura gifasha. Ni uko nyine abantu b'ubu nabo batagikunda gutabarana. Jye rero nahise nkwita umusazi kuva lirya joro kugeza umunsi naboneyeho ibarwa yawe nkasoma ibyali biyanditsemo. Umbabalire rwose....!

" Wangize ute se? Ese no gusara sinali nasaze koko?"

Saa moya zuzuye bakili aho maze Uwamukwa avuga ko ngo yakabije gutinda ngo kuko aliwe wali wasigaye mu rugo wenyine n'abana. Mahirane yahagurutse aseka, aravuga ati:

"Ngaho rero iyo njya gukora amahano! Wowe ni kuki uhengera naje ino aha ugasigara imuhira wenyine? Naza kwiyibira rero ngo ubwo ndakoshe je".
Y

Yegoko! Uzi ko biteye ibitwenge! Wilinde aliko kuko noneho umuzamu atali wawundi w'umusinzi. Ubu kandi hali n'imbwa. Kugira ngo uhaze rero ni ukuzajya ubanza kubimenyesha nkahisha amafaranga y'abandi yose!.

Basohokanye baseka bumva banezerewe cyane. Beyishoferi nawe yali abategereje nawe amerewe neza kuko yali yaliye yarengejeho na fanta. Umugoroba wali mwiza kuli urwo rubyiruko, usa n'aho ubatungira agatoki ku mwaka warugenewe wali wegereje, n'ibihe byiza bitaha byali bibategereje.bose.

Ntiwali umwaka we kuryama aliko. Ni nayo mpamvu Mahirane wali warahügukiye kuwitegura yagejeje uwamukwa kw'irembo ryabo amusezeraho bamaze guhana aderesi zabo zose no gusezerana ko batazajya bàtinda gusurana, maze imodoka ayiha umuliro yihutira gupakira ibicuruzwa bye yali yasiganye n'ibyabandi bacuruzi b'iwabo ubu bali bamutegerereje ku mangazini i Kigali.
Yahagereye ku masaha basezeranye, bamaze gupakira barataha bagera iwabo saa mbili z'ijoro.

Yaba Mahirane yaba Uwamukwa bose baraye bishimye. Uwo munsi kandi niwo wali ubabereye intange y'akebo k'umubano wabo wakulikiyeho utaligeze ugira ikiwutokoza kugeza igihe babaniye burundu.

Hagati aho kandi Ababyeyi b'Uwamukwa bamenyanye na Mahirane ku buryo buhagije maze ntibaba ababyeyi gito bunga mury'umukobwa wabo bamwizeza ko bamubabaliye. Sinakubwira ubucuti n'ubuwandimwe bihera aho imiryango yombi irasabana.
Nk'uko rero aliwo muco nyawe wa Kinyarwanda yuko imiryango ibanye neza ishimishwa no gushyingirana, Mahirane yasabye Uwamukwa ababimugiliyemo ntibagaruka ubusa, kuko baje bafite inkuru inyuze umutima ko umugeni we yamwemerewe.

Nuko nyuma y'amezi icyenda gusa, mu kwezi kwa kabili k'umwaka w'1985 kuwa gatandatu, Uwamukwa na Mahirane barashyingirwa ubukwe buratahe, bwizihizwa n'ibiroli bitagira uko bisa byakozwe n'urubyiruko Mahirane yali yaragize uruhare mu kwigisha gusoma no kwandika, cyane cyane urwali muli Koperative ABAJYAMBERE yashinze.

Nguko uko Umusore Mahirane mbere wali walihimbye Kizito aliko akaza kwemeza ko aliryo bamubatiza yashoje igihe cye cy'imyaka yali amaze ali ingaragu yinjira mu kindi gihe cyo kubaka urwe rugo n'uwe muryango, abifatanije n'umugeni yali yaratoranije mu bandi. Bombi kugirango babyuzuze byakomotse kuli izi mpamvu eshanu, alizo Kwicuza nta buryarya; Ishyaka ryo kwirwanaho, umwete n'umurava, kubabalirana, n'urukundo rwabibumbatiye byose.

Birarangiye.